# Uzagera ahantu yarangiza akavuga ati: AUDHU BIKALIMATILLAH A-TAMATI MIN SHARI MA KHALAQA: Nikinze ku magambo ya Allah yuzuye ngo andinde inabi y'ibyo yaremye, nta kibi kizamubaho kugeza avuye aho

Hadithi yaturutse kwa Khawlat Bint Hakim A-Sulamiyat yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uzagera ahantu yarangiza akavuga ati: AUDHU BIKALIMATILLAH A-TAMATI MIN SHARI MA KHALAQA: Nikinze ku magambo ya Allah yuzuye ngo andinde inabi y'ibyo yaremye, nta kibi kizamubaho kugeza avuye aho."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irayobora abayoboke bayo ko bakwiye kwikinga no kwirinda buri icyo ari cyo cyose umuntu atinya igihe ageze ahantu yaba ari mu rugendo cyangwa se mu butembere cyangwa se n'ahandi: Akirindisha amagambo ya Allah yuzuye mu byiza byayo n'agaciro kayo n'akamaro kayo, ndetse azira inenge, kugira ngo Allah amurinde inabi ya buri kiremwa cyaba gishaka kumugirira nabi, bityo bigatuma atekana aho hantu ari igihe cyose agihari.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee